

IGIHE GISIGAYE NGO INCUKE ZITANGIRE



Ingengabihe y'uruhare rw'umuryango

Tubahaye ikaze! Wari uzi ko umwana wawe yiteguye kwigira aho ari ho hose igihe cyose? Ni ukuri! Na mbere yo gutangira ishuri, umwana wawe asanzwe yiga buri muni. Igihe cyose abo mu muryango wawe baganira cyangwa bakina, muba mumufasha gukura. Muri abarimu be b'ibanze kandi b'ingenzi!

Iyi ngengabihe iriho ibitekerezo by'uburyo bwo gufasha umwana wawe kwiga umwaka wose. Koresha ibikorwa bihuye ku buryo bwinshi mwakina mwigira muri mu rugo. Iyi ngengabihe ikoresha amabara agufasha kumenya ibikorwa byakorohera cyane **abana b'imyaka 3-5**. Bimwe bishobora kuba bigoye cyane ku bana bato cyane, ariko ari byiza cyane ku mwaka ubanziriza kwinjira mu **mashuri y'incuke**. Ikoreshwa kandi mu gushimangira **inzira yo kwimukira mu mashuri y'incuke**.

Ejobundi umwana wawe azimukira mu mashuri y'incuke. Ni igihe kinejeje! Byashoboka ko umuryango wawe wibaza uburyo bwo kumwandikisha cyangwa kwitegura amashuri y'incuke. Iyi ngengabihe izabafasha. Iriho amakuru ajyanye n'uko wakwandikisha umwana wawe ku ishuri. Hibanzwe cyane kuri [Jefferson County Public Schools](https://www.jcps.kyschools.us) (JCPS). Ariko uramutse uhitiyemo umwana wawe irindi shuri, uburyo bwo kwandikisha bushobora kuba bumwe.

Waba warumvise bavuga ku "Kwitegura amashuri y'incuke." Imwe mu miryango itinya ko abana babo batiteguye, bakaba batazabasha kwiga mu mashuri y'incuke. Si byo! Umwana ariga kandi agakura ku muvuduko we bwite. Abakozi b'ishuri bazamenya umwana wawe. Bazamenya ibyo azi n'ibyo yiteguye kumenya. Amashuri azahera aho abana bageze maze abafashe gutsinda.



Niba umuryango wawe uhisemo JCPS ukaba ufite ibibazo, hamagara muri serivisi y'abakiriye ya JCPS kuri 502-313-HELP (4357). Abo muri iri tsinda bazaguhuzira n'ishami rya JCPS cyangwa umukozi wayo ubishinzwe. Ushobora no kohereza ubutumwa kuri jcps.help@jefferson.kyschools.us.

Turangiza, niba umuryango wawe ushishikajwe n'andi mashuri y'incuke, iyi [nyandiko](#) irimo amakuru y'izindi porogaramu z'amashuri y'incuke ari ku muhana.

IBIKORWA BYO GUFASHA KWIMUKA IGIHE CYOSE


Imyaka 3-5

- Tekereza ku kwiandikisha ku ihuriro ry'[ibibazo bijyanye n'imyaka n'ibyiciro](#) rya Metro United Way. Wakwiandikisha muri iyi porogaramu yo kwipimisha ku buntu igihe cyose hagati yo kuvuka no kwinjira mu mashuri y'incuke kugira ngo urusheho kumenya imbaraga z'umwana wawe n'ibikorwa bizamufasha kwiga.
- Ganira n'umwana wawe. Ikiganiro kigenda kigaruka ni ingenzi ku bwonko bw'umwana wawe. Kumuvugisha mu rurimi urwo ari rwo rwose bifasha ubwonko bwe guhuza ibintu mu buryo bukomeye. Mu rugo, koresha indimi wowe n'umwana wawe muzi neza: [Igikorwa cy'umuryango cy'interuro z'amagambo atanu kugeza kuri atandatu](#).
- Vugana n'abana bawe utuvugye mu mashuri y'incuke cyangwa muririmbane: [Igikorwa cy'umuryango cyo kuririmba indirimbo zoroshye](#).
- Reba mu bitabo n'umwana wawe. Si ngombwa ko mwembi musoma. Muganirize ku byo abona mu bitabo. Baza ibibazo nk'ibi "Barakora iki?" cyangwa "Bari hehe?" Reka umwana nawe abaze ibibazo.
- Kora uko ushoboye mu rugo iwawe haboneke ibitabo. Ibi bikoresho bishobora kugufasha gusoma uri kumwe n'umwana wawe no kubona ibitabo.
 - Isomero rusange rya leta ritishyuzwa rya Louisville ritanga umusanzu wo [guca agahigo ko gusoma ibitabo 1000 mbere yo gutangira amashuri y'incuke](#).
 - Imiryango ifite abana b'imyaka 0- 5 yo mu gace gafite kodi imwe ishobora kwiandikisha muri [imagination Library ya Louisville](#).
 - Ikindi ni uko imiryango yose ishobora kwinjira mu [isomero ryo kuri interineti ry'abiga gusoma rya Louisville](#) harimo n'ibitabo byihariye bya Louisville.

IBIKORWA BYO GUFASHA KWI MUKA IGIHE CYOSE

Inzira yo kwimukira mu mashuri y'incuke

- Kora ku buryo umenya igihe umwana wawe azaba akuzwe bihagije byo kujya mu mashuri y'incuke. Muri Kentucky, abana bagomba kuba bujije imyaka itanu ku itariki ya 1 Kanama kugira ngo batangire muri uwo mwaka w'amashuri. Iyo umwana azayuzuzaga hagati y'itariki ya 2 Kanama n'ya 1 Ukwakira, imiryango yabo ishobora gusaba [guhambwa umwana mu mashuri y'incuke imburagihe](#) noneho kwipimisha bikaba hagati y'itariki ya 1 Ukuboza n'ya 1 Werurwe. Abana bagomba gutangira amashuri y'incuke mu gihe baba bujije imyaka itandatu.
- Niba umuryango wawe uvugaga izindi ndimi zitari icyongereza, ushobora gusaba umusemuzi igihe uvugaga n'abakozi ba JCPS. Akarere k'amashuri gasabwa gushakira imiryango abasemuzi mu rwego rwo koroshya itumanaho n'abakozi ba JCPS. JCPS yashyizeho [amakarita ya I speak](#) mu rwego rwo gufasha imiryango gusaba abasemuzi.
- Niba hari impungenge ufite ku mikurire y'umwana wawe, vugana na muganga wawe. Ku muhaha hari porogaramu zagufasha nka [porogaramu y'intambwe za mbere](#) cyangwa [porogaramu y'abana bato ya JCPS](#). Ushobora no kwegera [Serivisi y'uburezi budasanzwe bw'umwana \(ECE\)](#) niba ubona ko umwana wawe akeneye ubundi bufasha mu mashuri y'incuke.
- Cukumbura [inyandiko za Ready4K](#) za JCPS. [Urutonde rw'igenzura rwa JCPS](#) ni indi nyandiko imiryango yanyuzamo amaso kugira ngo isobanukirwe uko abana bose biteguye gukura no kwiga mu mashuri y'incuke.





lyi ngengabihe izakuyobora mu nzira yo guhitamo ishuri no kwandikisha umwana wawe mu mashuri y'incuke. Irimo kandi ibikorwa byo gufasha umwana wawe gukura no kwiga!



readyforkalliance.com



familieslearning.org

NZERI

AMEZI 11 ABURA NGO
INCUIKE ZITANGIRE



Imyaka 3-5

- Ibikorwa bya buri muni ni ingenzi! Shyiraho ibikorwa bya buri gihe ku masaha yegereye amafunguro, kwiuhagira cyangwa kuryama. Bituma umwana wawe yumva atekanye kandi yigenga iyo azi ikigiye gukurikira: [Igikorwa cy'umuryango cyoroshye kijyanye n'amategeko n'ibikorwa bya buri muni.](#)

Inzira yo kwimukira mu mashuri y'incuke

- Tangira ushakishe amahitamo y'umuryango wawe ku mashuri y'incuke. [Urubuga rwa JCPS rwo gushakiraho amashuri](#) ni ahantu heza ho gutangirira. JCPS itanga kandi [amabwiriza yo guhitamo amashuri](#) mu gisipanyoro, icyarabu, igiswahili, ikinepali n'igisomali. Imiryango ishobora no gusura imbuga z'ishuri ikavugisha inshuti n'abo bakorana.
- Ishuri ribereye umwana wawe n'umuryango wawe rimeze gute? [Amabwiriza yo guhitamo amashuri abanza](#) asobanura amatsinda y'amashuri, amashuri afite integanyanyigisho zihariye na porogaramu z'integanyanyigisho zihariye muri JCPS. Shakira umwana wawe ishuri ryiza. Umuryango wawe ushobora no gushakisha andi mashuri y'incuke ari mu muryango mugari wacu.
- Reba ibikorwa bidasanzwe byo mu muhana! [Ibiro bya JCPS bishinzwe ihitamo ry'amashuri](#) bigira itsinda muri ibyo bikorwa rishinzwe gufasha imiryango guhitamo amashuri, kwiandikisha no gutanga ubusabe. (Kwiandikisha ni ugufungura konti kuri interineti muri JCPS no kwerekana icyemezo cy'aho utuye. Gutanga ubusabe ni ugusaba amashuri uhisemo.)



readyforkalliance.com



National Center for
Families Learning

familieslearning.org

UKWAKIRA

AMEZI 10 ABURA NGO
INCUKE ZITANGIRE



Imyaka 3-5

- Bara, maze uganyirize umwana wawe ku mibare. Ushobora kubarira ku ntoki. Saba umwana wawe kwitoza kubara ibintu igihe mugendagenda cyangwa muri mu iduka: [Igikorwa cy'umuryango cyo kubara mu byiciro kugeza kuri 30](#).

Inzira yo kwimukira mu mashuri y'incuke

- Itabire [ibimumurikwa by'amashuri muri JCPS](#). Uzashobora kuvugana n'abakozi ba buri shuri ribanza urusheho kumenya amashuri ahari wahitiramo umuryango wawe. Uzashobora no kumenya inzira yo kwiyandikisha no gusaba ishuri muri JCPS. Hazaba hari abasemuzi bo gufasha umuryango wawe gushyikirana mu rurimi wifuza.
- Niba umuryango wawe uhisemo JCPS, [andikisha umwana wawe](#) kuri interineta mu mashuri y'incuke. Nubwo waba ufite abandi bana basanzwe biga muri JCPS, ugomba kwandikisha umwana wawe w'imyaka 5 mu mashuri y'incuke. Kwiyandikisha bisaba intambwe ebyiri:
 - Kuzuzwa ifishi kuri interineta. Ukeneye amazina yawe n'ay'umwana wawe, itariki y'amavuko, igitsina, numero ya telefoni na imeyili.
 - Gutanga icyemezo cy'aho utuye: LGE cyangwa fagitire y'amazi, sheik y'ihemba, amasezerano y'ubukode ariho umukono cyangwa icyangombwa cy'umutungo, cyangwa inyandiko y'itumanaho n'ikigo cya leta. Niba nta aderesi ihamye umuryango wawe ufite, wahamagara ibiro bishinzwe amahirwe no kuyabona kuri 502-485-3650. Bashobora kubasha kugufasha.
- Niba ukeneye ubufasha, ushobora [gusaba gahunda yo kwiyandikisha](#) muri JCPS. Ushobora no gusaba umusemuzi. Wibuke ko kwiyandikisha ari ugufungura konti muri JCPS kuri interineta no gutanga icyemezo cyo gutura.



readyforkalliance.com




familieslearning.org



UGUSHYINGO

AMEZI 9 ABURA NGO
INCUCHE ZITANGIRE



Habura umwaka ngo amashuri y'incuke atangire

- Ganiriza umwana wawe ku magambo n'inyuguti bigize ibimukikije. Hera ku nyuguti zigize amazina ye. Noneho genda wongeraho inyuguti nshya nkeya mu gihe runaka. Kuvuga ku nyuguti n'amagambo bifasha abana kumenya ko ibi bimenyetso birimo ubutumwa: [lgikorwa cy'umuryango cyo gusharatura no gushushanya mu rwego rwo kuvuga ibyo atekereza.](#)

Inzira yo kwimukira mu mashuri y'incuke

- Amenshi mu mashuri agira iminsi yo gusurwa cyangwa kuzengurutsa abashyitsi. Ushobora kubona ishuri no guhura n'abakozi. Ni uburyo bwiza bwo kurushaho kumenya amashuri ushaka guhitamo. Hamagara ishuri kugira ngo ubaze igihe cyo gusurwa no kuzengurutswa. JCPS ifite [urutonde rw'ibikorwa](#) rugenewe imiryango yishimiye amashuri yayo. Imiryango ishobora gusaba abasemuzi mu bikorwa bya JCPS.
- Niba uhisemo JCPS, umuryango wawe ushobora gusaba mu Gushyingo. Gusaba iki gihe ni ukuba uyihitiyemo umwana wawe ari iya mbere. Kora ibishoboka ubikore bitarenze Ukuboza, bityo umwana wawe abe afite amahirwe yo kuziga ku ishuri rimubereye.



readyforkalliance.com



familieslearning.org

UKUBOZA

AMEZI 8 ABURA NGO
INCUIKE ZITANGIRE




Imyaka 3-5

- Umwana wawe ashobora kwandika amazina ye ku makarita cyangwa ku turango tw'impano. Mufashe kwitoza kwandika amazina ye. Ushobora kumwerekera uko bafata ikaramu y'igiti cyangwa marikeri igihe yandika: [lgikorwa cy'umuryango cyo gusoma no kwandika amazina ye bwite.](#)
- Umwana wawe muhe amahirwe yo gushushanya! Ashobora guhanga igihangano. Ibishushanyo bye bishobora gusa n'ibisharatuye, nyamara bifite icyo bisobanuye kuri we. Musabe kukubwira ku bishushanyo bye: [lgikorwa cy'umuryango cyo gukoresha ibishushanyo mu kuvuga inkuru.](#)

Inzira yo kwimukira mu mashuri y'incuke

- Igihe ntarengwa cyo gusaba amashuri muri [JCPS](#) ni mu Kuboza. Reba neza ko umuryango wawe wasabye amashuri abereye ibyo umwana wawe akeneye!



MUTARAMA

AMEZI 7 ABURA NGO
INCUKE ZITANGIRE



Imyaka 3-5

- Itumba rivuga amakote n'ingofero! Fasha umwana wawe kumenya kwiyaambika. Bishobora gutinda buke ariko bikangurira umwana wawe kurushaho kwigenga. Kumenya gufunga ibipesu, imashini no kwinjiza umwenda aho wambarwa bifite akamaro ku bumenyi mu buzima: [lgikorwa cy'umuryango cyo kwiyaambika no kwiyaambura ubwe](#).
- Ganiriza umwana wawe ku mabara n'imiterere y'amashusho. Ushobora kubona amabara n'imiterere y'ishusho aho mutuye, ku maduka cyangwa ugendagenda hanze. Gerageza gukina n'umwana wawe umukino wa "Ndaneka": Ndanekesha akajisho kamwe ikintu __. Ushobora no kumusaba gushaka ibintu bitatu bifite amabara asa: [lgikorwa cy'umuryango cyo kumenya, amazina no gukoporora](#).




GASHYANTARE

AMEZI 6 ABURA NGO
INCUIKE ZITANGIRE



Imyaka 3-5

- Koresha amagambo y'amarangamutima nko kwishima, kubabara, ubusazi, kugira ubwoba no kwishimira uri kumwe n'umwana wawe. Abana baba bakeneye kumenya amagambo abafasha kuvuga uko bumva bamerewe. Ushobora no gukoresha amagambo y'amarangamutima kuri wowe ubwawe igihe uri kumwe nawe. Ushobora kwishimira kujya ahantu cyangwa ukababara igihe imvura iguye: [lgikorwa cy'umuryango cyo kugaragaza ibyo akeneye ubwe n'ibyo yifuza](#).
- Jya mu isomero uri kumwe n'umwana wawe. Ni uburyo bukomeye bwo kwiga ibyo mu itumba igihe hakonje. Igihe cy'udukuru n'ibindi bikorwa byo mu isomero ni n'ahantu heza ho guhura no kuganira n'abandi bana n'imiryango! Imiryango yose ishobora kwishimira imipangire y'amasomero. Umuryango wawe ushobora kubona ikarita y'isomero ku [isomero rusange rya leta ritishyuzwa rya Louisville](#).
- Ganiriza umwana wawe ku bijyanye n'amajwi. Umva ibintu byose: umuziki, amajwi y'inyoni cyangwa udukoko, gukoma amashyi, yewe n'ibitwenge. Fasha umwana wawe gutega amatwi no kuganira ku gusa no gutandukana kw'amajwi.



readyforkalliance.com



familieslearning.org

WERURWE

AMEZI 5 ABURA NGO
INCUCHE ZITANGIRE



Imyaka 3-5

- Sohokana n'umwana wawe mujye kugenda kaguru kamwe, gutaruka ibintu no gusimbuka. Gutemberera ku bibuga by'imikino birashimisha kandi umwana wawe ashobora kurira urwego agakinira ku mitambiko. Bene iyi myitozo ikomeza imitsi ari na ko inoza guhura no kuringanira kw'ibice by'umubiri: [Igikorwa cy'umuryango cyo kwiruka, gusimbuka no kurira](#).

Inzira yo kwimukira mu mashuri y'incuke

- Abana bagomba [gukingirwa, gukorerwa ibizami by'umubiri](#), gusuzumwa uburwayi bw'amenyo no kwipimisha amaso igihe batangiyeye amashuri y'incuke. Urugaryi ni igihe cyiza cyane cyo gusaba gahunda z'abaganga n'abaganga b'amenyo. Wajya ku [bigu nderabuzima byita ku miryango](#) uramutse ukeneye ubuvuzi, serivisi n'amakuru mu rurimi wifuza.
- Niba umuryango wawe uvuga izindi ndimi mu rugo, umwana wawe ashobora guhabwa serivisi z'abiga icyongereza za JCPS. Ushobora gusaba kumupimisha kugeza hasigaye amezi atandatu ngo amashuri y'incuke atangire. Egera ishami rishinzwe [icyongereza nk'ururimi rwa kabiri](#) (ESL) bagufashe.



MATA

AMEZI 4 ABURA NGO
INCUIKE ZITANGIRE




Imyaka 3-5

- Shishikariza umwana wawe kwigaburira. Reka yitoze kurisha ikanya cyangwa ikiyiko. Imiryango kandi ishobora kwigisha abana bayo gupfundura ibipfunyitse. Iki gikorwa cyo kuyega kizafasha intoki z'umwana wawe gukomera, bityo abe yashobora kwikorera ibintu byinshi ubwe: [Igikorwa cy'umuryango cyo kwigaburira akoresheje ibikoresho byabugenewe](#).

Inzira yo kwimukira mu mashuri y'incuke

- Niba warasabye ishuri muri JCPS, uku ni ko kwezi uzamenyamo imikoro y'ishuri y'umuryango wawe! Kurikira konti z'imbuga nkoranyambaga z'ishuri ryawe kugira ngo utangire kwihuza n'umuryango w'ishuri ryawe.
- Amashuri menshi ategurira imiryango ibikorwa byo mu rugaryi, kandi akakira imiryango mishya y'abana bo mu mashuri y'incuke. Genzura ibikorwa n'amatariki yabyo ku rubuga rw'ishuri. Uko umwana wawe n'umuryango barushaho kumara umwanya ku ishuri ryawe rishya, ni ko uzarushaho kumva wisanzuye.



GICURASI

AMEZI 3 ABURA NGO
INCUIKE ZITANGIRE



Habura umwaka ngo amashuri y'incuke atangire

- Itoze gusubiza ibibazo nka, “Mutuye he?” na “Numero yawe ya telefoni ni iyihe?” Aya makuru umwana wawe akeneye kuba ayazi igihe haba havutse ikibazo cyihutirwa: [Igikorwa cy'umuryango cyo kumenya amakuru bwite.](#)
- Reba mu bitabo byerekeye ishuri. Ushobora kuvuga ku buryo abavugwamo bo ku ishuri baba inshuti kandi bakaniga: [Igikorwa cy'umuryango cyo gukina no gusangira n'abandi bana.](#)

Inzira yo kwimukira mu mashuri y'incuke

- Reba niba umwana wawe yujuje ibisabwa byo kujya mu ngando ya Ready4K ya JCPS—ingando iba mu mpeshyi yo gufasha kwakira abana mu mashuri y'incuke. Akenshi kwiyandikisha biba mu ntangiriro y'ukwezi kwa Gicurasi. Muri iyi porogaramu imyanya ihita ishira, iyandikishe hakiri kare rero!
- Kurikira amakuru avuye ku ishuri ryawe yerekeye ibikorwa byo kwakira abashya mu mpeshyi no mu ntangiriro y'umuhindo. Amenshi mu mashuri azoherereza umuryango wawe itangazo ku iposita cyangwa kuri imeyili.



readyforkalliance.com




National Center for
Families Learning

familieslearning.org

IMPESHYI

AMEZI 2 ABURA NGO
INCUIKE ZITANGIRE



Imyaka 3-5

- Imiryango myinshi ikorera mu baturage itanga porogaramu z'impeshyi ku miryango. Iyandikishe muri porogaramu y'isomero y'impeshyi yo gusoma cyangwa [porogaramu y'umuco ya Louisville](#).


Inzira yo kwimukira mu mashuri y'incuke

- Umwana wawe azakenera ibikoresho byo gusubira ku ishuri nk'igikapu n'imyambaro. Menya ibyo akeneye byo gukoresha ku ishuri ryabo. Shaka urutonde ku rubuga rw'ishuri. Kora gahunda yo kuba wicaranye ibyinshi muri byo uko ushoboye. Abafatanyabikorwa benshi bo ku muhana bategura igihe cyo kubitanga ku buntu.
- Umuryango wawe uramutse ukeneye ubufasha, wakwegera [umuhuzabikorwa w'ikigo gifasha imiryango \(FRC\)](#) wo ku ishuri ryawe. FRC ishobora gufasha umuryango wawe kugera muri porogaramu ya JCPS ishinzwe ubufasha bw'imyambaro (CAP), iyi ikaba ishobora gutanga impuzankano n'indi myambaro ku buntu. Bashobora kandi gufashisha ibikoresho no gusaba gahunda zo gupimisha uko ubuzima buhagaze.
- Gendagenda n'amaguru cyangwa utwaye uce hafi y'ishuri ry'umwana wawe, niba bikunda muri iyi mpeshyi. Tungira agatoki umwana wawe inyubako z'ishuri, maze umuganirize uburyo baziga ibintu byinshi ku ishuri. Ibi bimufasha kumenya ko ku ishuri ari ahantu hizewe hatangirwa amasomo.



KANAMA

INCUCHE
ZAHAGEZE!



Habura umwaka ngo amashuri y'incuke atangire

- Habura ibyumweru bibiri ngo amashuri atangire, ganiriza umwana wawe ku muni we wa mbere ku ishuri. Mufashe gukora gahunda y'ibikorwa bya buri muni nko kurara ateguye imyenda yapakiye n'igikapu: [Igikorwa cy'umuryango cyo kwibuka aho ibintu bye bwite biri.](#)
- Ganira ku buryo umwana azajya agera ku ishuri. Azagenda n'amaguru? [Azatwarwa na bisi?](#) Cyangwa azajya atwarwa n'inshuti cyangwa umuntu wo mu muryango? Reba [igikorwa cy'ababyeyi n'umuryango cyo gutandukanya.](#)

Inzira yo kwimukira mu mashuri y'incuke

- Gerageza kwitabira ibikorwa nk'ingando z'abo mu mashuri y'incuke, umunsi wo gusura ishuri hanyuma uhure n'umwarimu uzafasha umuryango wawe gusura ishuri. Uko umwana wawe amenyera ishuri rye, azumva arushijeho gutekana no kwishimira gutangira mu mashuri y'incuke.
- Umuryango wawe ushobora kuba wemerewe amafunguro atangirwa ku ishuri ku buntu no ku giciro kigabanyije. [Menya niba ishuri ryawe riha abanyeshuri bose amafunguro ku buntu cyangwa niba ugomba kuzuza ifishi iyasaba.](#) Niba hari ibibazo ufite, abakozi bo mu biro ku ishuri ry'umwana wawe bazagufasha.



NZERI

INCUIKE ZAHAGEZE!



Habura umwaka ngo amashuri y'incuke atangire

- Ukwezi kwa mbere ko kwiga mu mashuri y'incuke gushobora gushimisha cyane. Shyonyagiriza umwana wawe igihe bakoze cyangwa bize ibintu bishya. Ntibigutere ikibazo niba bifashe ibyumweru bike ngo umwana wawe amenyere kubyuka kare, kwitegura no kujya ku ishuri. Ushobora kumufasha ushyiraho akazi ka buri muni, guryama bihagije no kumarana umwana musoma munakina.
- Gutangira ishuri ntibigenda kimwe ku bana bose. Umwana wawe ashobora gukunda ishuri kuva agitangira cyangwa bikamufata igihe cyo kumenyera akazi ka buri muni gashya. Kimwe mu bintu by'ingenzi mwakora nk'umuryango ni ugushyikirana na mwarimu we hakiri kare kandi kenshi. Iga uburyo bwiza bwo kuganira na mwarimu w'umwana wawe ku bibazo waba ufite cyangwa ku makuru ushaka kumusangiza yerekeye umwana wawe.



readyforkalliance.com



familieslearning.org

